Rwanda

Repubulika y’u Rwanda

Umukuru w’Igihugu: **Paul Kagame**

Umukuru wa Guverinoma: **Édouard Ngirente**

Abayobozi bafashe ingamba zo gushyigikira uburenganzira ku buzima buzira umuze mu gihe cy’icyorezo cya COVID-19 kandi basezeranyije ko abapolisi bakoresheje imbaraga z’umurengera mu kurangiza inshingano zabo bazabibazwa. Hakomeje kuvugwa amakuru yerekeranye n’inyerezwa ry’abantu, ifungwa rinyuranije n’amategeko, ikoreshwa ry‘imbaraga z’umurengera, imanza zirimo akarengane no kubangamira ubwisanzure bwo mu gutanga ibitekerezo.

Uburenganzira ku buzima buzira umuze

Muri Werurwe, abayobozi bihutiye guhashya icyorezo cya COVID-19, bafata ingamba zo guhagarika imirimo yose mu gihugu ndetse banasubika ingendo z’indege ziva hanze. Abayobozi kandi bafashe ibipimo bya COVID-19 ndetse banavura abayanduye nta kiguzi batanze. Kugeza hagati muri Gicurasi, Guverinoma yishyuye amafaranga yerekeranye n’akato abagenzi binjira mu gihugu bategetswe kubamo. Nyuma yaho, yatanze ibiryo mu baturage.

Uburenganzira bw’abana

Muri Mutarama, Komite y’Umuryango w’Abibumbye ishinzwe uburenganzira bw’abana yasuzumye raporo ya Guverinoma maze yishimira ibimaze kugerwaho mu kugabanya imibare yerekeranye n’ubukene, abana bapfa bakiri bato, kurushaho korohereza abantu kwiga na guhabwa serivisi zijanye n'ubuzima, no kurwanya virusi itera SIDA. Hagati aho, iyo Komite yasabye Guverinoma gufata izindi ngamba zo guhangana n’ihohoterwa rishingiye ku gitsina n’urugomo rukorerwa abana, mu rwego rwo kurengera abana bafite ubumuga harimo n’abafite ubumuga bwo mu mutwe, no gukora ku buryo abapolisi bubahiriza byimazeyo uburenganzira bw’abana baba mu mihanda.

Uburenganzira bwo gukora imibonano mpuzabitsina n’ubwerekeranye imyororokere

Muri Gicurasi, abagore 36 bari barahamijwe icyaha cyo gukuramo inda bahawe imbabazi na Perezida. Uretse umunani muri bo, abasigaye bose bari barafashwe barafungwa ndetse bahamwa n'icyaha giteganywa n’ingingo zikubiye mu Gitabo cy‘amategeko ahana yavuguruwe muri 2018. N’ubwo kenshi gukuramo inda byakomeje kuba igikorwa gitemewe n’amategeko, Igitabo cy’amategeko ahana cyo muri 2018 cyashyizeho amarengayobora mu gihe habayeho gukoreshwa imibonano mpuzabitsina ku gahato, gukora imibonano mpuzabitsina n’uwo mufitanye isano ya hafi cyangwa gushyingira umuntu ku gahato.

Uburenganzira ku buzima

Kuri tariki ya 17 Gashyantare, Polisi y'u Rwanda yatangaje ko, muri icyo gitondo, umuririmbyi w'icyamamare Kizito Mihigo yasanze yapfiriye muri kasho ya polisi ya Remera mu murwa mukuru wa Kigali. Iminsi itatu mbere yaho, Urwego rw'Igihugu rushinzwe ubugenzacyaha (RIB) rwari rwemeje ko yatawe muri yombi ashinjwa kwinjira mu mitwe y'iterabwoba no kugerageza kwambuka umupaka mu buryo butemewe n'amategeko. Nta perereza ryigenga ryigeze rikorwa ku rupfu rwe. Inama Nkuru y'ubushinjacyaha yanzuye ko yapfuye yiyahuye bityo ko nta muntu ukwiye kuryozwa urwo rupfu rwe. Ibi bikaba ari ibyavuye mw'ipererereza ryakozwe na RIB hamwe n'Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe isuzuma ry'abakekwaho ibyaha.[1]

Inyerezwa ry'abantu

Inyerezwa ry'abatavuga rumwe na Leta ryarakomeje kandi imanza zerekeranye n'ibura ry'abantu bakekwaho kuba baranyerejwe mu myaka ishize ntizakemutse. Muri Kamena, hakomeje kuvugwa ko Venant Abayisenga, umunyamuryango w'Iterambere n'Ubwisanzure kuri bose (DALFA-Umurinzi), wahoze mu mutwe w'Ingabo ziharanira demokarasi (FDU-Inkingi), yombi ikaba ari imitwe ya politiki itavuga rumwe n'ubutegetsi kandi itemewe n'amategeko, yaburiwe irengero. Yarekuwe muri Mutarama nyuma yaho ahanaguweho icyaha cyo gushinga umutwe witwaje intwaro utemewe n'amategeko. Yatangarije itangazamakuru ko yakorewe iyicarubozo mu gihe yari afunzwe. Umwaka ugiye kurangira aho aherereye hataramenyekana.

U Rwanda ntiruremeza Amasezerano mpuzamahanga yo kurinda abantu bose inyerezwa.[2]

Gukoresha imbaraga z'umurengera

Muri Nzeri, nyuma yo gutaka kw'abantu ku mbuga nkoranyambaga kubera ko abapolisi bakoresheje imbaraga z'umurengera, ndetse rimwe na rimwe bakica, abakekwaho kuba barenze kw'isaha yo gutaha, Perezida na Minisitiri w'Ubutabera bamaganye ibikorwa by'abapolisi ku giti cyabo. Bavuze ko ibyo bikorwa [binyuranyije] n'amabwiriza ngenderwaho y'akazi kandi basezeranya ababikoze ko bazabibazwa. Kuri tariki ya 9 Nzeri, umuvugizi wa polisi yavuze ko abapolisi benshi bari bafunzwe mu gihe ipererereza n'ugukurikiranwa bikomeje.

Uburenganzira bwo kuburanishwa mu buryo buboneye

Ku tariki ya 31 Kanama, RIB yatangaje ifatwa rya Paul Rusesabagina - uzwi cyane nk'uwahoze ari umuyobozi wa *Hotel des Milles Collines* aho abantu barenga 1200 bahungiye mu gihe cya jenoside yo mu 1994. Nyuma yaje gushinjwa ibyaha birimo iterabwoba, gutwika, gushimuta no kwica bijyanye no gushyigikira umutwe witwaje intwaro. Yavuye i Dubai mw'ijoro rya tariki 27 buca ari tariki 28 Kanama mu buryo budasobanutse. Mu Gushyingo, yavuze mu rukiko ko yashimuswe, afungwa mu maso kandi amaboko n'amaguru byari biboshye. Abayobozi banze gusobanura uko yageze i Kigali ariko bemeza ko hakurikijwe amategeko. Yabanje kwankirwa kubonana na avoka wahawe akazi n'umuryango we ahitamo abavoka babiri kurutonde rwabunganira kubuntu. Kuva mu Gushyingo yari ahagarariwe na avoka watowe n'umuryango we. Yagumye mu buroko mbere y'iburanisha mu mpera z'umwaka, nyuma yo kwankirwa inshuro eshatu kurekurwa by'agateganyo. [3]

Uburenganzira ku kuri, ubutabera n’indishyi

Muri Gicurasi, Félicien Kabuga, wemewe nk'umunyemari mukuru wa jenoside yo mu 1994, yatawe muri yombi n'abayobozi b'Abafaransa mu nkengero za Paris. Mu 1997, Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (ICTR) rwaburanishije imanza za jenoside kugeza mu 2015, rwamushinjaga ibyaha birindwi bya jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo. Yimuriwe mu maboko y’Urwego Mpuzamahanga Rwashyizweho Gukora Imirimo y’Insigarira y’Inkiko Mpanabyaha (IRMCT) i *La Haye* m’Ukwakira. Mu Gushyingo, yahakanye icyaha mu cyiciro kibanziriza iburanisha.

Muri Gicurasi, Umushinjacyaha mukuru wa IRMCT yemeje ko ibizamini bya *ADN* byagaragaje ko Augustin Bizimana, ICTR yashinjaga mu 2001 icyaha cya jenoside, yapfuye mu 2000 muri Repubulika ya Kongo.

Abayobozi basabye ko Aloys Ntiwiragabo utuye mu Bufaransa yakoherezwa mu gihugu kuko akekwaho ibyaha byibasiye inyokomuntu. Muri Nyakanga, ipereresa ry’ibanze ku byaha byibasiye inyokomuntu ryatangijwe mu Bufaransa nyuma yaho umunyamakuru amusanze i *Orleans*, nko mu birometero 100 mu majyepfo y’iburengerazuba bwa Paris.

Gufungwa binyuranije n’amategeko

Hashyizweho isaha ntarengwa yo gutahiraho kubera icyorezo cya COVID-19. Polisi yategetse abakekwaho kuba barenze kw’isaha yo gutaha kwitaba ku bigo, harimo na sitade ifunguye, aho bagumye kugeza isaha yo gutaha irangiye bukeye bwaho. Umuvugizi wa polisi yavuze ko ibyo atari “gereza” ahubwo ko ari “ibibanza bikuru byakoreshwaga mu kugenzura ingendo mu masaha yo gutaha ndetse n’ibigo bikangurira abantu kutegerana cyane bagahana umwanya uhagije hagati yabo aho abantu bigishwa ibijyanye no kwirinda icyorezo.”

Muri Nyakanga, Polisi y'u Rwanda yashyize ahagaragara urutonde rw’abashoferi b’imodoka 498 harimo n'umwirondoro wa zimwe muri plake z'ayo mamodoka kuva muri Mata, bivugwa ko birengagije amabwiriza kandi ntibitabye ku bigo. Abatarigeze bitaba polisi mu gihe cyagenwe baburiwe ko bazatabwa muri yombi. Intonde nyinshi nkizo zatangajwe buri gihe kugera m’Ukwakira.

Ubwisanzure mu gutanga ibitekerezo

Muri Mata, abanyarubuga benshi batangaje ku birego bivuga ko abasirikare bakoresheje abagore imibonano mpuzabitsina ku gahato ndetse bakanakora ibindi byaha byo guhohotera uburenganzira bwa muntu mu gihe bari bafungiye mu gace ka Kangondo II kazwi kw’izina rya “Bannyahe” i Kigali. Nubwo ingabo z’u Rwanda zatangaje kuri tariki ya 4 Mata ko zifashe [abasirikare] batanu bakekwaho kugira uruhare muri ibyo byaha, abanyarubuga bane batanze amakuru ku ihohoterwa, n’izindi ngaruka zijyanye n'ingamba ubuyobozi bwafashe kubijyanye n'icyorezo cya COVID-19 nyuma baza gutabwa muri yombi. Babiri mu banyarubuga bararekuwe by'agateganyo nyuma muri uko kwezi, umwe arekurwa by'agateganyo muri Gicurasi mu gihe Dieudonné Niyonsenga uzwi ku izina rya Cyuma Hassan, n'umushoferi we, Fidèle Komezusenge, bagumye mu buroko mu mpera z'umwaka. Komisiyo y'Itangazamakuru mu Rwanda yavuze ko abo banyarubuga atari abanyamakuru bemewe kandi “bakaba ntaburenganzira bafite bwo kubaza abaturage.”

Impunzi n’abasaba ubuhunzi

Mu mpera za Kanama, HCR, Ishami ry’Umuryango w’Abibumbye ryita ku mpunzi na Guverinoma z’u Rwanda n’Uburundi byatangiye korohereza gutahuka kw’impunzi z’Abarundi ziva mu Rwanda.

---

[1] *Rwanda: Shocking death of gospel singer in custody must be effectively investigated* (Press release, 17 February)
[2] *Rwanda: More progress needed on human rights commitments: Amnesty International submission for the UN Universal Periodic Review, 37th session of the UPR Working Group, January-February 2021* (AFR 47/2858/2020)
[3] *Rwanda: Paul Rusesabagina must be guaranteed a fair trial* (Press release, 14 September)